Ese birakwiye ko umugabo umwe amenya Hadithi yanturutseho yagamye ku mifariso y'iwe maze akavuga ati: Hagati yacu namwe twakiranurwa n'igitabo cya Allah (cyonyine)

Hadithi yaturutse kwa Al Miqdam Ibun Maadiy Karib (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ese birakwiye ko umugabo umwe amenya Hadithi yanturutseho yagamye ku mifariso y'iwe maze akavuga ati: Hagati yacu namwe twakiranurwa n'igitabo cya Allah (cyonyine); ibyo dusanzemo byaziruye tukaba ari byo tuzirura, n'ibyo dusanzemo byaziririje tukaba ari byo tuziririza? Nyamara ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaziririje nibyo n'ubundi Allah yaziririje."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhiy ndetse na Ibun Madjah]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ibihe byasohoye aho usanga itsinda mu bantu ryicaye, ndetse umwe muri ryo yegamye mu mifariso y'iwe, yamenya Hadithi yaturutse ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) akavuga ati: Icyadukiranura hagati yacu namwe ni Qur'an Ntagatifu yonyine iraduhagije; ibyo dusanze muri yo bizuruye tukaba ari byo dukora, n'ibyo dusanzemo yaziririje tukaba ari byo tuziririza. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igaragaza ko buri icyo ari cyo cyose yaziririje cyangwa se yabujije mu migenzo ye, itegeko ryacyo ni rimwe n'iry'ibyo Allah yaziririje mu gitabo cye, kuko ari we waje gusohoza ubutumwa buturutse kwa Nyagasani we.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65005